# 136: Ubugingo bwanjye bwose

1.
   a.

   Ubugingo bwanjye bwose,Yesu, ndabukwihereye; Kand' iminsi yanjye yose,Njye ngushimisha ntasiba.

2.

   Amaboko yanjye, Mwami, Ajy'akor' iby' untegeka; Ibirenge byanjye na byo Bijye
   bijy' ah' unkundiye.

3.

   Ijwi ryanjye na ryo n'uko Rijye rikuririmbira; Kand' akanwa kanjy’ iteka Kavug'
   ibyo wankoreye.

4.

   Ibyo mfite byose na byo. Simbikwima, Mwami Yesu; Kand' ubwenge bwanjye na bwo
   Jy'ubukoresh iby' ushaka.

5.

   Hindur' umutima wanjye, Nkund’iby' ukunda byonyine. Sinzigeng' ukund' ahubwo
   Ndakugandukiye, Mwami.

6.

   Urukundo rwanjye rwose Ndugukunde gusa, Yesu; Nkomeza, mb’uwaw’iteka:
   Ndakwihaye, sinkitwara !

Visit us at indirimbo.com